**Coopérative d'Actions pour le Développement**

**de l'Artisanat au Rwanda**

**"ADARWA COOPERATIVE"**


## ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RYO GUTWARA IMYANDA

**ADARWA COOPERATIVE** (Coopérative d'action pour le Développement de l'Artisanat au Rwanda) ni Cooperative igamije guteza imbere imirimo y'ububaji,ubukorikori n'ibindi bigendanye nabyo mu Rwanda. Ikaba ifite icyicaro mu Kagali ka Musezero, Umurenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

**ADARWA COOPERATIVE irahamagarira ba Rwiyemezamirimo gupiganira Isoko ryo gutwara imyanda iboneka ku rubuga rwa ADARWA COOPERATIVE ndetse no ku nyubako zayo.**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu biro by'ubunyamabanga bwa ADARWA COOPERATIVE uhereye ku itariki iri tangazo ryasohokeye mu kinyamakuru. Icyo gitabo ugihabwa umaze kwishyura amafaranga y'U Rwanda ibihumbi icumi (**10. 000 Frw**) adasubizwa kuri konti **N° 593412510810136** ya **ADARWA COOPERATIVE** iri muri Banki y'abaturage (BPR Atlas Mara).

Umunsi wo gusura aho iyo mirimo izakorerwa ni kuwa gatanu, ku itariki **07/03/2025** ku cyicaro cya ADARWA COOPERATIVE, guhera saa yine zuzuye kugera saa sita z'amanywa **(10H00-12H00)**.

Ibitabo by'ipiganwa bigomba kuba byanditse neza ari ibitabo bitatu (3), kimwe ari umwimerere ibindi ari kopi.

ADARWA COOPERATIVE ikaba isaba ba Rwiyemezamirimo na Company kuzaza bitwaje ibiciro byo gutwara imyanda (Financial proposal) n'uburyo buboneye buzakoreshwa na Rwiyemezamirimo mu gukusanya iyo myanda (Technical proposal), bakabishyikiriza abagize akanama k'amasoko muri ADARWA COOPERATIVE ku itariki ya **14/03/2025** saa yine za mu gitondo **(10h00).**

Gufungura ibiciro byatanzwe ni kuri uwo munsi saa tanu zuzuye **(11h00)** mu cyumba cy'inama cya ADARWA Cooperative.

Bikorewe Gisozi, kuwa 27/02/2025

**UWIMANA Venantie** 27/02/2025

**PEREZIDA WA ADARWA COOPERATIVE**

ADARWA COOPERATIVE — COOPÉRATIVE D'ACTION POUR LE DÉVELOPPEMENT DE L'ARTISANAT AU RWANDA


P.O. Box 4821 Kigali – Rwanda | **Phone**: +250 788453346 | **Location**: Gisozi - Gasabo, KG 33 Ave |

**TIN No.**: 101401857 | **E-mail**: adarwacoopera@gmail.com



Scanned with CamScanner